# 156: Ni jye, Yesu, witanze

1.

Ni jye, Yesu, witanze Kera ku Musaraba, Mbitewe n'urukundo Ngo ngukiz' ibyaha byawe. Mugenzi, narakwitangiye ; Wanyituy' iki wo we ?

2.

Narets' ubwiza bwanjye Nari mfite mw ijuru, Nsig' umucyo kwa Data, Nza mu mwijima w'iyi si,Naretse byose nkurengera : Wants' iki kubwaruye ?

3.

Banyish' urupfu rubi, Birut' uko byavugwa; Navushijw' amaraso Ng' utazapfa nabi nawe Nakwihanganiy' ibyo byose : Wanyihanganiy' iki?

4.

Navuy' i Wanjy' i bwami, Nger' ah' uri mw isi mbi, Nkuzanir' agakiza N'ubugingo budashira.Ko nakugabiy' impan' ubwo, Wigeze kuntur' iki ?

Visit us at indirimbo.com